

LA VICTOIRE

Le Journal des Forces Armées Rwandaises

N° 0

Bimensuel

Avril 1991



Ministère
de la Défense
Nationale
Service d'Information
et des Relations Publiques
B.P. 23 KIGALI

PRIX : 500 FRW



Sommaire

La Victoire	1
U Rwanda ruratera ntiruterwa	2
Intambara y'Ukwakira 1990	3
Ubujura bw'Inyenzi	60
Médias Médiocres	61
L'agression d'Octobre 1990 : Vanité d'une cause	62
Plutôt la mort que la servitude	66
Abifuzaga gutura muri Pariki yacu kuva kera ubu twayibatujemo kuva tariki ya mbere Ukwakira 1990	68
Isano ry'Inyenzi n'Inkotanyi	69
Sigaho gukengera ingabo z'u Rwanda	72
In memoriam "Tuzabahorera"	75
Uziha gutera u Rwanda wese azagwa ku gasi	78
Soutien aux Forces Armées Rwandaises	82

ABONNEMENT ANNUEL

RWANDA	{	Membres des Forces Armées Rwandaises	300 FRW
		Autres lecteurs	500 FRW
		Soutien	600 FRW
AFRIQUE :			6,00 \$ US
EUROPE :			10,00 \$ US
ASIE :			10,00 \$ US
RESTE DU MONDE :			12,00 \$ US

N.B. : Pour ce **Numéro Spécial**, le prix est **500 FRW**

LA VICTOIRE

Victoire de qui contre qui?

Victoire de la paix et des bonnes volontés. Victoire pour l'entente et la fraternité entre tous les bons enfants du pays. Victoire de tous ceux qui croient à la solution pacifique des problèmes et non par les armes.

Non pas contre des personnes quelque soient leurs tendances. Même parmi les envahisseurs, il y a des personnes humaines, mais malheureusement, la guerre a ses raisons que la raison ne connaît pas. Cette victoire n'est pas contre des personnes mais contre la volonté de verser le sang des innocents à quelque ethnie qu'ils appartiennent, contre la volonté de restaurer le féodalisme et l'esclavage. Victoire contre le néo-nazisme et l'aryanisme version rwandaise.

Victoire contre les extrémistes de tous bords, ces fanatiques aveugles qui détestent la vérité et la conciliation, ces faucons qui font de l'ethnie ou de la région leur cheval de bataille pour leurs intérêts privés ou de clan. Victoire contre les rancœurs et l'esprit de vengeance. Victoire de tous ceux qui aiment ce pays et de tous ceux qui le considèrent comme leur mère nourricière à protéger, à garder intacte et sans blessures.

Sans doute que cette victoire produira aussi des effets positifs contre certains comportements tant dénoncés qui favorisent les compromissions et les trahisons de toutes sortes. Victoire donc d'une certaine éthique, et de la révolution spirituelle déjà proclamée, bref victoire de la moralité, de l'intégrité et de la dignité. Victoire contre la routine et la sclérose pour plus d'imagination, plus d'esprit d'initiative, plus d'innovation, comme cela a été

maintes fois demandé à toutes les têtes pensantes de ce pays.

Ce nouveau nom de "La Victoire" du Journal des Forces Armées Rwandaises vaudra alors la peine d'avoir vu le jour. Changement de titre pour la forme, mais aussi changement de fond pour les mentalités. Tout le monde aura gagné pour la reconstruction nationale en vue d'un progrès recherché ensemble et partagé. Tous les Rwandais devraient pouvoir participer à ce festin, sans plus de distinction, sauf de compétence et d'amour de la patrie et de tous nos compatriotes prêts à défendre notre pays au lieu de le trahir.

En somme, victoire de tous les bons, et il y en a partout, contre les moins bons et les égoïstes qui tirent les ficelles et qui ont failli nous diviser pour nous mettre sous leurs boîtes.

Victoire pour tous ceux qui aiment le RWANDA et qui lui souhaitent une paix durable que nos courageux soldats, dont certains ont perdu leur vie pour que vive le RWANDA, viennent se sauver encore une fois avec le précieux concours de toutes les autres forces vives de la Nation.

Le temps des hégémonies et des complexes est révolu. La Révolution populaire de 1959 confirmée par KAMARAMPAKA du 25 Septembre 1961 y a mis fin. Autant de victoires remportées par notre peuple qui vient de gagner aussi cette guerre qui aura été un autre épisode sanglant dans l'histoire de notre pays mais qui, en aucun cas, ne peut être considérée comme plus éprouvante que celle de 1959. Que pourtant le peuple rwandais avait gagnée.

LA VICTOIRE.

U RWANDA RURATERA, NTIRUTERWA

Iryo ni ijambo rya mukuru. Urishima uringonye. Inyenzi n'Inkotanyi zanze kumva ntizanke kubona. RUGANZU na RWABUGIRI barateye bagura u RWANDA. Ntawigeze abubuhuka. Uretse kazungu wazanye amayeri akabahenda ubwenge, akatwambura hirya no haruguru. Naho Inyenzi z'ejo na none zara buriwe ntizumva. Ziti: Reka dutere urwo twita urwatubyaye. Bataye umuco, bata ubwenge, bata umutwe, bahinduka ba ntibibuka. Maze bariyahura ubugira kenshi. Aho gutaha mu mahoro nkuko ababishaka babisabwe. Ngaho mu Birunga no mu BUGESERA, mu MUTARA no mu BUTAMA, mu NSHIRI no mu BUGARAMA, na BWEYEYE,... Baramasha, barananirwa, baratsindwa bakwirwa imishwaro. Ariko ntibava ku izima batu ntidushaka gutaha mu mahoro, keretse twibarutse RWIGEMA na BAYINGANA na BUNYENYEZI bakazadusubiza ku ngoma. Nibwo bongeye kurota gutera u RWANDA ari ko kurota gupfa. Uko byagenze bibara umupfu. Inzirabwenge zemeye kubagaragira ntizasize n'uwo kubara iyo nkuru. Gacurabwenge ati: "Tuza, duturane". Ubwo ni ab'ino aha babwirwa. Naho abo hirya, batarashira iroro, nibazirikane bene wabo bose baje kwigerezaho, maze basubize amerwe mu isaho. Kuko gutera u

RWANDA ni ukwigiza nkana, kandi wiyyita umunyarwanda.

Ruratera ntiruterwa. Kandi ruzatsinda buri gihe. Abana bose bavuka muri iyi minsi bakwiye kwitwa "TURATSINZE". Kuko iyi ntambara yari ikwiye gusiga twisubiyeho, twivuguruye, twitsinze natwe. Amakosa agakosorwa, abeza bagashyigikirwa, ababi bakagororwa. Umwirya-ne ucura inkumbi dukwiye kurwanya abawushygikiye, bawuhembera bashingiye ku moko, ndetse rimwe na rimwe no ku turere. Twese, twikubite agashyi, maze u RWANDA rukomeze kuba u RWANDA hamwe n'abana barwo bose barukunda. Maze tubone kwivuga tuti: "TURATSINZE" twese.

Mu by'ukuri iyi ntambara irarangiye. Ariko hari abatabishaka, batishimye, badashaka gutaha baciye mu nzira y'amahoro. Dore ko ngo barekereje ku mupaka. Birashoboka rero ko hakurikiraho izindi ntambara, keretse ababashygikiye baramutse biyemeje kuzihosha, niba badashaka kuzikongeza hose. Twizere ko bafite icyo gitekerezo cyo kubihagurukira. Ariko duhore turi maso.

La Victoire

INTAMBARA Y'UKWAKIRA 1990

Tariki ya mbere Ukwakira 1990 nibwo twatewe n'Inyangarwanda ziturutse mu ngabo za Uganda. Izo nyangarwanda zari zibumbiye mu gatsiko k'inkozi z'ibibi z'inyenzi ziyise inkotanyi. Ni izina ry'agatsiko k'abantu bagitsimbaraye ku bya cyami na gihake. Izo nyangarwanda zaje zigamije kurwanya ubutegetsi buriho zishaka gushyiraho ingoma ya cyami na gihake kandi yarasezerewe burundi na rubanda nyamwinshi tariki ya 28 Mutarama 1961, bigahama ku ya 25 Nzeli uwo mwaka. Zaduteye zidutunguye kuko zigeze ku mupaka w'i KAGITUMBA zahasanzé

abasilikare bacu bake. Abo basilikare bacu baketse ko ari abasilikare ba Uganda bitemberera, kuko n'ubusanzwe bari bafitanye imishyikirano aho ku mupaka. Siko byari bimeze rero kuko izo nyenzi zahise zibarasaho. Abo basilikare bacu ntibashoboye kuzihagarika kubera ubwinshi bwazo n'intwaro za rutura zari zifite. Nibwo zifashe KAGITUMBA mu masa yine z'amanywa. Ingabo z'Ighugu zihutiye gutabara, maze u MUTARA uhinduka isibaniro kugeza ku wa 30 Ukwakira 1990, aribwo izo nyangarwanda zameneshejwe.



I NYAGATARE inyangarwanda zarahageze zirahayogoza, zisenya ibikorwa by'amajyambere byose bihari, zinjira mu baturage zisahura amatungo n'ibantu, zigabiza abagore n'abakobwa, zifata abasore n'abana b'incuke, zibaha imbunda ku ngufu ngo bazirwanirire.




Inkamibi z'abasirikari b'i NYAGATARE




Inzu y'ishuli ryisumbuye ry'ubuhinzi n'ubworozi i NYAGATARE



Imirambo y'inka zishwe n'inyenzi muri ferime ya ,OVAPAM



Inzu y'ubutegetsi bwa OVAPAM na DERVAM




Inzu y'umucuruzi w'i NYAGATARE

Naho i GABIRO zarahageze zigabiza GUEST HOUSE y'i GABIRO n'ikigo cy'abasilikare zisahura ibantu byarimo ibindi zirabitwika.



Aho ni kuri GUEST HOUSE y'i GABIRO





Ikigo cy'abasilikare i GABIRO



Aho hose mu karere ka NYAKAYAGA, i KABARORE n'i GABIRO, ingabo z'igihugu zaharwaniye inkundura, zerekana ubuhanga n'ubutwari zisanganywe, zinesha umwanzi ziramumenesha.



Ntibyatinze ngo inyenzi zibone ko zibeshye kuko zasanze Ingabo z'Igihugu zihagaze bwuma.

Ingabo zazu zacuze inkumbi inyangarwanda ku rutare rwa NGARAMA, i MIMURI, NYAGATARE, mu MUVUMBA, ariko cyane cyane i NYAKAYAGA, GABIRO na RYABEGA aho umuhanda ujya i NYAGATARE ushamikiye kuri kaburimbo igana i KAGITUMBA.



RYABEGA



Ubu inkotanyi n'incuti zazo bibutse ko akagabo gahimba akandi kataraza.

Aho i RYABEGA mwumva, inyangarwanda zari ziteguye kugaba igitero simusiga i NYAGATARE, zari nyinshi kandi zitwaje ibibunda bya rutura.



Ibi bibunda bya rutura ingabo zacu zabifatiye i RYABEGA



Ingabo zacu zarazitanze zizirasa urufaya mu buhangga buhambaye, aribyo twita "tactique", ku buryo aho iryo sibaniro ryabereye nta cyatsi giteze kuzahamera. Umuryango utabara imbabare niwo wabara iyo nkuru.



Iyi nyenzi mureba yaguye muri iyo mirwano ihita ipfa.




*Iyi yo yapfuye nyuma kuko yayikomerekeyemo
ntiyitabwaho muri iryo shyamba.*



Iyi modoka niho yafatiwe

*Uyu mu "Major" w'umugande NYIRIGIRA Bosco
nawe niho yafatiwe mpiri.*



Aho i RYABEGA niwo
zaciye i NTOMA ziteguye Kigali




Muri iyi mirwano y'i RYABEGA niho abatware b'inyenzi Major w'umuganga BAYINGANA na Major BUNYENYEZI basize impanga, bakurikira umukuru wabo RWIGEMA vivuganywe n'ingabo zacu i KAGITUMBA ku munsi wa kabiri zaraye ziteye. Ubwo inyenzi zose zacitse ku icumu i NYAKAYAGA, KABARORE, GABIRO na NYAGATARE zahungiye muri Pariki zihasanga inkuru mbi y'uko izagiye i RYABEGA nta n'imwe yashoboye kugaruka kubara inkuru. Ubwo zakomeje guhigwa mu ishyamba hose ku buryo kuri 29 Ukwakira 1990 nimugoroba, ingabo zacu zaciye i NYAGATARE n'izaciye i GABIRO zose zaraye i NTOMA ziteguye gufata MATIMBA na KAGITUMBA.



Kuri 30 Ukwakira 1990 mu gitondo : Ingabo zacu ziteguye.








Uwo munsi niho ingabo zacu zafashe MATIMBA, zirakomeza zigaruza KAGITUMBA saa kumi n'imwe n'igice. Aho i KAGITUMBA hari indiri y'ibantu byose inyangarwanda zari zarazanye n'ibyo zari zarasahuye. Zibonye ko bizirangiriye rero, zifata utwangushye, bimwe zirabitwika ibindi birahasigara.



Ibvishimo by'ingabo zacu zimaze kugaruza KAGITUMBA





*Zimwe mu modoka za NRA bahasize hamene-
ngana: iyo H4RA 682 niyo nyamwigerezaho
RWIGEMA yashoboye kugendamo umunsi umwe
gusa aza aho i KAGITUMBA.*







Imodoka inyenzi zari zaribye mu Rwanda.







Ayo mahema niyo ingirwa batware b'inkotanyi bahagamo. Ni naho Ingabo zazu zarasiye RWI-GEMA.





Inyangarwanda zahasize byinshi mubyo zari zara-sahuye abaturage.






Iyo kamyo itwara lisansi ni iy'u BURUNDI inyenzi zari zarafatiriye



Iyo nzu yo kuri duwane i KAGITUMBA, Ingabo zacu zasanze igishya.

Mu kuzimenesha tukazirenda umupaka w'i KAGITUMBA, hari izasigaye zihisha muri Pariki y'AKAGERA. Ingabo zacu zifatanyije n'abaturage bahegereye bagumye kuzihigira hasi kubura hejuru kugeza igihe bazimariyemo.






Umwanzি arabacahে ?




**Umutuzo w'aba bagabo urerekana ko nta nyenzi
ikirangwa muri Pariki y'AKAGERA**



Bariya basore b'intarumikwa bakorana ubuhanga, ubushishozi n'umurava.




**Uziha wese
gutera u Rwanda
bazabonana**







Ahavuye ubwana, hasubira ubwanwa.







U Rwanda rusite abasore batazuyaza ku rugamba



*Iyo ngabo yambaye amataratara irasobanurira
umunyamakuru uko byifashe ku rugamba.*




*Kumenya gusoma ikanita ni ngombwa ku musi-
rikari*



Za kajugujugu n'abatekinisiye bazo zararurwanve karahava




**Intego yabo
ni ugutsinda
umwanzi**






Dore n'abo basore batangiye kumera ubwanwa






*Umutekano w'abaturage h'uturere twose tw'u
Rwanda urashygikiwe.*





Izindi mpehe zitashizwe zabonye zitsinzwe mu MUTARA, zijya gutera zinyuze kuri Gasutamo yo mu KANIGA n'iya GATUNA tariki ya 03 Ugushyingo 90.



Duwane y'i GATUNA


Ubwo zateye zica abaturage, ziba, zifata abagore, abakobwa, abakecuru n'imicuko ku ngufu nkuko zibisanganywe. Naho rero Ingabo zacu ntizazirebeye izuba kuko zahise zizihatsimbura kuya 06 Ugushyingo 90.




Inzirabwoba ziri maso, umwanzi azamenera he?



Izacitse ku icumu zarorongotanye zishaka kumenera i KIVUYE, KIYOMBE na MUVUMBA, ariko biranga biba iby'ubusa kuko naho inyenzi zahasize abatabarika.





Aho ni kuri santere y'i KIVUYE




Kurengera Igihugu bigomba ubushishozi, ubutwari n'ubuvandimwe.





Ufawo zata
nuko zibis
kuya Côte d'Ivoire



Barabwirwa bakumva, bakabizirikana, bakabishyira no mu bikorwa.







Agapfa kaburiwe ni impongo





Yemwe inyenzi ziragorwa n'ubusa !

Aba basore mubona bivemeje kuzimarira ku icumu








Kurengera Igihugu bizirana no guhubuka





Hagowe umwanzi uziha kwihisha mu mashyamba yacu



Ikiruhuko ni ngombwa.



Intambara itsinda ni irimo ubwenge no gukerebuka.

MURI PARIKI Y'AKAGERA NTA NYANGARWANDA IKIRANGWA MO

Ku itariki 07 Ukuboza 1990, Umukuru w'lghugu cyacu akaba n'Umugaba Mukuru w'Ingabo, Général-Major HABYARIMANA Yuvenali yabitangarije abanyarwanda ubwo yari yagiye gusura abasirikari be i GABIRO mu MUTARA, hamwe mu habereye imirwano ikomeye.



*I GABIRO biteguye kwakira Umugaba mukuru w'Ingabo:
Bose barangwaga n'ibyishimo bitagira ingano.*






Ubutwari ni ubutuje



Mu ma saa cyenda n'igice nibwo yageze i GABIRO yakirwa n'umunyamahanga mukuru muri Minisiteri y'Ingabo z'Igihugu n'abungirije Umukuru wa Etat-Major zombi.



Amaze kuramutsa umutwe umwe w'izo ntwari zari zakereye kumwakira, yakomeje aramutsa abakuru babo.






Yakomeje asura inzu ya GUEST HOUSE y'i GABIRO yangijwe cyane n'inyangarwanda, hanyuma ashyikirana n'abasirikare bakuru baraho mbere yo kubwira abaraho bose ijambo yari yateganyirije abanyarwanda kuri uwo munsi ryo gushimira Ingabo z'Igihugu n'abanyarwanda bose, kubera ubutwari, umurava n'ubuhanga berekanye mu kurwanya umwanzi waduteye adutunguye.





... nshoza gitera zimeye kugera
zimwe muri izo nyenzi zashoboye kugera mu
mujyi wa RUHENERI.

*Inyenzi-inkotanyi zagumye kugaba ibitero zigera-
geza kumenera mu MUTARA n'i BYUMBA
birazinanira. Ku itariki 22 Mutarama 1991 inyenzi
zongeye gutera zimeneye hagati ya SABINYO,
GAHINGA na MUHABURA.*



*Icyo kirunga gito ni GAHINGA, ikinini ni
MUHABURA.*

Bukeye tariki 24 Mutarama 1991 zimwe muri izo
nyenzi zashoboye kugera mu mujyi wa RUHE-
NGERI, zifunguza abanyururu bari muri gereza
yaho, zitobora banki y'ubucuruzi zitwara ama-
faranga yarimo, zinangiza n'ibindi bintu aho mu
RUHENERI nkuko zisanzwe zibigenza aho
zigeze hose.



Gereza yo mu RUHENERI




Iyo nzu n'iyo mu kigo cya "Camp MUHOZA" mu RUHENERI

Ariko izo nyenzi ntizamaze umwanya munini mu mujyi wa RUHENERI kuko Ingabo zacu zahise zizishushubikanya ; inyenzi zicitse ku icumu zisubira hirya y'i Birunga mu Bugande aho zagize indiri.




Inyenzi zigerejeho





Udakora ntakarye



*Inkotanyi zari zifite imigambi yo kwigabiza ibyiza
abanyarwanda bagezeho biyushye akuya !*

*Inyenzi zitera mu RUHENERI, ngo zari zigamije
gukurikizaho umujyi wa GISENYI.*



*Umva ko inyenzi zihangara ! Keretse nizongera
kwigerezaho dore ko ziharurutswe*




Inyenzi zacitse ku icumu zanze kuva ku izima ngo keretse zigeze i KIGALI zigafata ubutegetsi zirukanseho kuva 1960 cyangwa se imicuko zishora ku rugamba ikarangira.

Kuri 22 Gashyantare 1991 inyenzi zirenze 800 zongeye gushaka kumenera hagati ya GAHINGA na SABYINYO zihasiga izirenga 50, utabaze inkomere. Ku ya 04 Werurwe 1991 izigera ku 600 zashatse kumenera i NYAGAHINGA no ku CYANIKA muri Komini KIDAHO zihasiga abarena 60. Bukeye bwaho izindi nyenzi 600

zashatse kwongera kwiyahura mu MUTARA zihabika abarenga 200. Niba inyenzi zitemeye gushyira intwaro hasi ngo zigane inzira y'amahoro, ni ayubusa akazajya gahingutsa izuru tuzagaha urugakwiye. Ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka.

PREZIDA WA REPUBLIKA GENERAL-MAJOR HABYARIMANA YUVENALI, UMUGABA MUKURU W'INGABO YASUYE INGABO ZE KU RUGAMBA MU RUHENERI TARIKI YA 14 WERURWE 1991




Prezida wa Repubulika ageze mu RUHENERI



*Kuri Komini KIDAHO, Umugaba Mukuru w'Ingabo asuhuza Burugumesitiri
NTAHOMPAGAZE Jean Bosco*




*Mu CYANIKA, Général-Major HABYARIMANA Yuvenali yigereye kuri
position asanga abasirikari bacu bahagaze bwuma, moral ari yose.*





*Kuri iyo tariki ya 14 Werurwe 1991, Prezida wa Repubulika yatangarije Inyenzi ko
zishobora gushyira intwaro hasi zigatahuka, abanyarwanda bakazakirana
imbabazi.*

BIYEMEJE KWITANGIRA URWABABYAYE




Abasirikare bacu bakomerekeye ku rugamba bitabwaho








IBIHUGU BY'INCUTI BYARATUGOBOTSE



Ni koko incuti nyayo uyibona miu hyago ; abavandimwe bacu ba Zayire barabyerekanye.





Aha aba bagabo bashinze ibirindiro ni i GABIRO

Turashimira n'abasirikare b'abafransa n'ababiligi boherejwe kugira ngo badufashe kwita ku mutekano wa bene wabo bakora mu Rwanda.

ABANYARWANDA BOSE BASHYIGIKIYE 'KOKO INGABO Z'IGIHUGU







Abanyarwanda beza bose barwanya inyenzi, bakazibuba kutwinjiramo



Uwo mureba hagati usite ibyo bibombe bibiri inyenzi zari zataye, ni Konseye wa Segiteri MIMURI muri Komini NGARAMA. Turi kumwe.



Naho i MIMURI, Ingabo zacu zahagaritse ingogo. Murebe ukuntu inyenzi zambarira imyenda ya gisirikari ku ya gisivire kugira ngo zijye zibona uko ziyoheranya.



*Abaturage bishimiye Ingabo z'Igihugu kubera ko
zatsinze umwanzi*



*Urubyiruko narwo rwishimiye ugutsinda kw'Inga-
bo*



Igihararumbo RWIGEMA cyarapsuye ; uwapsuye ntazuka.




UBWO ABANYARWANDA BISHIMIYE UGUTSINDA KW'INGABOZACU, ABABYE-YI B'I BUGANDE BARARIRA AYO KWARIKA NGO IGHARARUMBO RWIGEMA CYARABAHEKUYE



RWIGEMA yaturoha aragakubitiwa n'inkuba

CENTRALES DE SANTÉ

Le commandement des FAR a procédé à la formation d'un groupe de médecins et infirmiers pour assurer la surveillance et l'assistance aux combattants dans les zones de combat. Ce groupe est dirigé par le Dr. Jean-Baptiste Nsengimana, chef du service de santé militaire des FAR.



UBUJURA BW'INYENZI

Umugabo AYABAGABO w'i MATIMBA ubu yumanye iyi Bon-Pour. Yabuze Koloneri ADAM na Liyetona FURUMA Alphonse ngo bamwishiure inka ze icumi harimo enye zihaka, zariwe n'ibihararumbo by'inyenzi ngo bazishyura. Nimuribagire namwe.

Ubwanditsi

2/10/90
RPA

This should notify that MR STEPHANO Ayabagabo has ~~g~~ willing loaned us 10. H/ cattle to be payed after the war.

HC
Am's 55

Adam over-all commander.

2/10/90

Rwandese Patriotic Army
Matumba.

REF: MR STEPHANO AYABAGABO.
TURAMENYESHA R.P.A. YUKO INKA
cum IZA STEPHANO ZARIWE NA
ABASIRIKARE BURWANDA. AZISHUURWA
NYUMA YINTAMBARA, NKUKO
BUANDI TWÉ HEJURO.

P.S. ENYE Z'RASHAKA.
Rwandese Patriotic Army

Alphonse Furuma.
R.P.A. HQS.

MEDIAS MEDIOCRES

Où diable ! étaient-ils partis ces journaux, et agences et radios d'ici et d'ailleurs ? Par où avaient disparus speakers, éditorialistes, animateurs, scopeurs et discoureurs ? Terrassés, dépassés, bornés, obtus, aveugles, incapables, indifférents, complices, sponsors ou intoxiqués par l'agresseur ? C'est à eux de choisir, mais pas ailleurs qu'ici. Est-ce la guerre qui les avait oubliés, ou se sont-ils confondus avec elle ? Ailleurs, oui. Du moins sous certains cieux. Mais, chez-nous, quoi ? Ce silence de mort ? Quel absentéisme ! Est-ce dire que notre peuple n'a pas encore engendré de lutteurs, de caractères combattifs ? Certes pas. Plutôt pollution, corruption et dégénérescence à certains échelons. Féodalité et ses séquelles obligent. L'esprit de lucre aussi qui a littéralement envahi et gangréné bien des milieux. Il n'y a plus de valeurs que comptables et quantifiables. Plus haut, rien. Les nobles causes sont passées dans le domaine de l'idéalisme risible ou même de l'irréalisme. Il n'y a plus que de rares rêveurs qui ont le tort de s'élever plus haut que le terre-à-terre quotidien, et de faire des projections lointaines dans l'avenir pour prévenir et con-

seiller à des oreilles davantage préoccupées par "la faisabilité et la rentabilité" mais point par d'inutiles abstractions. En tous les cas, s'il y a des perdants de cette guerre, la "presse" d'ici en fait partie, du moins ceux qui ont usurpé ce nom. Ils accusaient jadis d'être muselés : aujourd'hui ils ont tiré vengeance de cette guerre qu'ils ont préféré taire pour ne point en subir des retombées. Mais qu'à cela ne tienne. Tièdes, ou revanchards, ou partisans en seront pour leurs frais. La presse renvoyée revient au galop. La voici différente d'elle-même pour se remettre en question, et inviter les siens à sortir de leur coquille, à s'épanouir, à rayonner, à dire les faits même s'ils accusent, même s'ils interpellent, même s'ils bousculent des schémas, et des préjugés, et des chemins battus et des langues de bois. Pourvu qu'ils informent, qu'ils enseignent, qu'ils ne mentent ni ne trahissent. Il n'y a de trahison que contre la Patrie. Si on sait qu'elle est tout, sauf le mal et la médiocrité qui nous rendent souvent inférieurs à notre essence,

La Victoire

RMP

SARL

Rwanda Motor Parts

**PIECES DE RECHANGES POUR
VEHICULES ET L'INDUSTRIE**

Tél: 78018
Kigali B.P. 510

**3, Avenue du Commerce ,
Kigali
République Rwandaise**

L'AGGRESSION D'OCTOBRE 1990 : VANITE D'UNE CAUSE

Après 23 ans de calme et d'efforts assidus pour le développement, notre chère patrie le RWANDA a été victime d'une agression barbare par un groupe de bandits opérant au sein d'une prétendue Armée Patriotique Rwandaise. La supercherie n'a pas duré longtemps car passé les premiers moments de surprise, il n'a pas été difficile d'identifier les agresseurs, leurs mobiles et leurs commanditaires. Tous comptes faits, il appert que le Groupe INKOTANYI n'est rien d'autre que le Groupe NYENZI nouvelle formule (sic) car si les acteurs ont changé de costumes, la tragédie qu'ils ont jouée et à laquelle ils ont convié des innocents reste la même : la mise en scène et le thème restent ceux des vaincus de la Révolution de 1959. Ci-après, nous essayerons d'analyser les méthodes employées par les INKOTANYI et leurs suppôts pour montrer la vanité et l'illusion qu'ils se font dans cette guerre. Aucune cause valable en fait n'est défendue, d'où la défaite était inévitable, n'en déplaise aux NYENZI et tous ceux qui se sont laissés aliéner à leurs mensonges.

Avant le 01/10/1990, beaucoup de rumeurs avaient couru sur les préparatifs des INKOTANYI et leurs activités à l'étranger. La plupart des gens sérieux croyaient que ce n'était que pure gesticulation de petits groupes de réfugiés égoïstes ou nostalgiques des temps révolus. En fait qui aurait pu s'imaginer un seul moment que le RWANDA allait être attaqué à ce moment précis de son histoire ?

Les analystes politiques et les stratégies militaires ont en tout cas été pris de court. La ruse des INKOTANYI a joué à plein. La tactique de ces buveurs de sang qu' sont les INKOTANYI a été simple : endormir d'abord le RWANDA. Oui, endormir notre pays en faisant le mort et le malin, avant de le surprendre dans son sommeil de juste.

Nous avons découvert des réfugiés rancuniers et hypocrites, qui n'ont jamais osé exprimer leurs revendications à haute voix mais

qui le faisaient dans les couloirs feutrés des bureaux à l'étranger où ils faisaient tout pour berner leurs interlocuteurs.

La malignité et la méchanceté des NYENZI-INKOTANYI sont sans égal, elles sont tout simplement diaboliques. Tout a été fait depuis l'indépendance de notre pays pour la réintégration des naufragés de la Révolution de 1959. Aujourd'hui, la vérité a éclaté au grand jour que ce problème des réfugiés n'est qu'un prétexte pour les assoifés du pouvoir et les nostalgiques des temps révolus où une minorité mettait notre pays en coupe réglée : au moment où l'on demande à ceux qui le veulent de rentrer au pays natal (avec des préalables acceptables logiquement), les pêcheurs en eaux troubles pensent que l'occasion ne peut pas être ratée pour faire péricliter tous les plans des hommes de bonne volonté.

C'est une évidence que l'agression INKOTANYI n'a aucun mobile plausible si ce n'est l'ambition personnelle des repus des bienfaits du pouvoir démocratique de la République Rwandaise : on les qualifierait mieux en Kinyarwanda d'"ABANYAMURENGWE".

Tenez plutôt : dans un premier temps, ce sont des privilégiés du régime qui se déclarent lésés, abandonnant les leurs pour rejoindre les rangs ennemis. Nous découvrons alors des hommes d'affaires et des hauts fonctionnaires, vrais barons du régime, qui ont longtemps bénéficié de toutes les faveurs inimaginables, qui financent et font de la propagande au profit de l'ennemi. Comment qualifier ces actes, si ce n'est de la haute trahison et de la felonie, d'autant plus qu'on ne peut pas passer sans transition de la régularité à l'opposition ?

Les traitres de l'intérieur se sont faits fort de se rallier à la cause de prétendus réfugiés qui ne connaissent même pas le RWANDA. La cause des réfugiés n'était qu'un prétexte car au lieu de laisser trouver une solution à ce problème, des

extrémistes de tous bords ont prêché un retour forcé mais en ayant soin de camoufler leurs vraies intentions. Pour l'extérieur, ils clamaient à qui voulait les écouter qu'ils veulent revenir au pays de leurs ancêtres, mais continuaient en même temps à réclamer subsides et aides, à accumuler l'armement et les cotisations. Pour l'intérieur, ils jouaient sur un autre registre : ne rien laisser apparaître de leurs revendications pour mieux faire jouer l'effet de surprise. De ce double jeu est donc venu le fait que dès le début des hostilités, la plupart des étrangers intoxiqués par la propagande tapageuse des INKOTANYI, ont cru bon se taire et laisser les "RWANDAIS" régler leurs affaires internes.

Les spécialistes des relations internationales trouvent peut-être une autre explication à certaines attitudes des étrangers et même des pays qui en d'autres circonstances n'auraient pas manqué de commentaires ou d'attitudes différentes de ce qu'on a connu au début de la guerre.

Je ne m'étendrai pas sur la tactique et les méthodes des INKOTANYI et du RPF dans les pays où ils ont élu domicile, mais la vérité est que ces "serpents" sont passés maîtres dans l'art du mensonge et de la supercherie : crier à l'étranger qu'on leur refuse le droit de rentrer, refuser en même temps le dialogue, cela est du ressort de la jonglerie digne des vrais fils des temps obscurs de la monarchie féodale d'avant 1959. Ils étaient confortés par le nombre impressionnant d'usurpateurs, si ce ne sont de mercenaires, enrôlés dans l'Armée Ugandaise où ils excellaient dans la ruse et la méchanceté.

Ce facteur est aussi important dans le déclenchement de la guerre d'Octobre puisque les membres de la NRA étaient considérés comme le fer de lance de la prétendue RPA (Armée Patriotique Rwandaise). Beaucoup de gens ont dû déchanter et se désespérer ; un certain mythe veut toujours faire croire que ce sont les descendants des NYENZI (INKOTANYI) qui ont aidé l'actuel président MUSEVENI à s'installer au pouvoir, celui-là les ayant fort bien récompensé en leur distribuant des grades au même titre que les nationaux. Ces INKOTANYI ont donc voulu appliquer une tactique qui leur a servi sous d'autres cieux pour s'attaquer au

RWANDA, soutenus en cela par des anarchistes de tous bords. Hélas, l'UGANDA n'est pas le RWANDA : les INKOTANYI n'ont aucune cause à défendre chez-nous, ce ne sont que des aventuriers manipulés par des traîtres.

La défaite des agresseurs était quasi certaine dès le début : ce fut pure prétention que d'aligner une horde de mercenaires et d'aventuriers contre une armée nationale motivée, et en communion avec tout le peuple dont elle est issue. Sans trop entrer dans le détail des batailles d'ailleurs (tel n'est pas le propos d'aujourd'hui), la horde des agresseurs a été bien en-deçà des attentes de ses commanditaires. Malgré des équipements les plus modernes, la défaite a été cuisante : le cœur de la majorité des agresseurs n'y était pas tout simplement parce qu'il n'y avait pas de cause à défendre. Mieux encore, la détermination et le savoir-faire des Forces Armées Rwandaises ont vite fait de mettre en déroute les INKOTANYI.

Mais pour quelle cause donc se battent les INKOTANYI. Les idéologies du RPF ont déclaré dès les premiers temps de l'agression qu'ils ne veulent rien d'autre que la chute du régime rwandais. Chacun est en mesure de qualifier ce patriotisme. Abattre le régime et installer un régime fantoche, en équilibre sur un axe et soumis à un régime étranger, voilà tout le programme des INKOTANYI. A l'âge de notre pays, voilà une potion que ne peut pas avaler un Rwandais digne de ce nom. Au moment où tout le monde est tourné résolument vers la construction et la consolidation de l'édifice RWANDA dans toute son entité, voilà que des diables viennent mettre le feu à l'ouvrage.

Les citoyens vivaient en symbiose dans la mère-patrie. Des efforts louables étaient toujours fournis pour sortir du bourbier des difficultés économiques. Politiquement, les dirigeants avaient beaucoup fait pour une large ouverture, depuis plus d'une année déjà.

Qui n'affirmerait pas que les INKOTANYI, prenant prétexte sur la rentrée des réfugiés, étaient plutôt pris de court et en dehors des réalités rwandaises ? Dans un élan de désespoir alors, ils auraient voulu tout chambouler de notre pays le ramener à l'anarchie. Peine perdue

puisque ce ne sont que des incapables. Sinon ils auraient attendu l'instauration du multipartisme dans notre pays pour imposer leur prétendu Front de par la volonté des urnes. Mais n'étant pas dupes quant à leur audience auprès des patriotes rwandais, ils ont poussé la lâcheté à l'extrême en attaquant notre pays à la veille du renouveau démocratique. Suivez bien, vous découvrirez la similitude des méthodes des INKOTANYI avec celles de l'UNAR et des autres attardés des années 1960, juste au moment où notre pays en était à l'apprentissage démocratique : le refus du dialogue et la négation des institutions.

Il faut considérer la victoire d'octobre comme une manche de la vraie victoire, définitive celle-là, sur non seulement les INKOTANYI, mais aussi sur tous ceux qui leur ressemblent : ceux qui endorment le peuple et ses dirigeants par une corruption sans nom, ceux qui veulent la domination d'une ethnie sur une autre, ceux qui veulent démobiliser le peuple en lui ôtant tout esprit militant et en le divisant. Car si ces méthodes sont pratiquées par les INKOTANYI et

leur RPF, il ne manque pas de brebis égarées pour les prendre comme modèles. La vigilance des Forces Armées Rwandaises est donc plus que jamais de rigueur afin que leur rôle de garant de l'intégrité nationale ne soit jamais prise à défaut.

Vigilance, c'est aussi le mot d'ordre de tout patriote rwandais pour distinguer à tout moment l'ennemi qui peut revêtir divers masques pour berner le peuple : N'a-t-on pas déterré des INKOTANYI de tout acabit, de prétenus politiciens aux petits apprentis-soldats en passant par de grands fonctionnaires, des réfugiés et des hommes d'affaires ? Le visage des INKOTANYI est donc multiple et le démasquer est un devoir éminemment patriotique. Et cette guerre nous imposée aura servi au moins à galvaniser davantage le peuple rwandais résolument tourné vers des lendemains sereins et prospères.

*GACINYA Vénuste
Capitaine*

ENTREPRISE DE CONSTRUCTION

SOBETRA


B.P. 451 Kigali

Tél : 74552 - 74918

- Tugulisha ku biciro byiza inkweto z'ubwoko bwose i Kigali, i Butare, mu Ruhengeri no ku Gisenyi.

- Dukora inkweto za Plastic zose mu ruganda rwacu i Gikondo.

ECOMIRWA
BP 183 Tel. 75349
KIGALI



C'EST SPORTMIDABLE!

Dukora inkweto za siporo z'ubwoko bwose i Gikondo.

ECOMIRWA ni BATA mu RWANDA

TOUJOURS A VOTRE SERVICE POUR VOUS AIDER A CHOISIR LE TYPE DE VOTRE MARQUE PREFEREE ! NOS PRIX SONT IMBATABLES DANS LA GAMME !

RENAULT

SUZUKI

mazDa



RWANDAMOTOR

S.A.R.L.

B.P. 448 KIGALI/Rwanda Tél. : 75034 - 75452 - 74438 - 74439

Télex : 22547 — Télécopie : 250-74681

PLUTOT LA MORT QUE LA SERVITUDE

Dans leur plan cynique d'invasion du Rwanda, les INKOTANYI avaient envisagé qu'à l'issue de leur victoire allaient s'ensuivre l'extermination de plus de trois millions d'innocents issus d'une certaine souche sociale de la population rwandaise et la réinstauration d'un régime féodal et tyramique préalable à la création ultérieure d'un empire HIMA en AFRIQUE CENTRALE.

Si leurs ambitions diaboliques avaient été réalisées, il va sans dire que ceux d'entre nos enfants qui auraient pu échapper à ce génocide et garder ainsi le courage de vivre malgré tout n'auraient eu d'autre ressource que de courber l'échine en attendant que la dissociation de cet empire fondé sur la violence et l'injustice leur donne, à eux ou du moins à leurs arrière-petits-fils, l'occasion de secouer le joug pour sortir de cette condition servile et humiliante.

Irréalité du passé puisque nos agresseurs ont commis une erreur monumentale dans leur appréciation. Si étourdis qu'ils sont, ils se sont embarqués dans une aventure périlleuse qui s'est dénouée par une défaite totale de leur part. En effet, ils ont oublié que l'esprit de défense qui a toujours caractérisé le Peuple Rwandais était encore solide.

Pour une nation, l'une des caractéristiques de cette vertu supérieure qu'est l'esprit de défense peut être comprise comme une détermination d'esprit qui, le moment venu, fait préférer le risque de mourir à celui de vivre dans la servitude et la honte. C'est donc cette force qui a conduit le Peuple Rwandais à la victoire.

Et à voir, certes, le soutien tant moral que matériel apporté par la population aux Forces Armées Rwandaises qui ont combattu avec dignité et honneur pendant la guerre d'octobre 90 nous imposée de l'extérieur, il serait superflu de redire que nous n'avons rien à envier aux autres peuples courageux en matière d'esprit de défense. Seulement, nous tenons à inviter certains de nos compatriotes égarés ou inconscients de méditer sur les enseignements positifs contenus dans ce que le philosophe

HEGEL a appelé "la dialectique du maître et de l'esclave" pour retracer l'expérience fondatrice de la conscience de soi.

Cette leçon fondamentale est la suivante :

"A un moment ou l'autre, réellement ou indirectement, la conscience doit affronter le risque de mort puisqu'elle ne se sait humaine que si elle se sait capable de préférer sa liberté à sa vie. Mais celui qui fait le choix contraire deviendra l'esclave du maître, et il n'aura la possibilité de recouvrer sa liberté qu'au bout d'un long et douloureux processus". Les Rwandais tiennent beaucoup à cette vérité.

Cela dit, nous devons toujours garder à l'esprit que la peur de la mort est le plus sûr chemin vers la mort, physique et spirituelle. La peur attire les conquérants, comme elle attire les assassins. Or nous sentons la peur rôder partout : dans la foule qui détourne les yeux de la victime, dans l'obsession de l'insécurité, dans l'affolement du piéton qui traverse une rue. Etant entendu que l'esprit de défense concerne l'ensemble des comportements sociaux, culturels, économiques, etc..., il devrait commencer ici : expulser la peur du comportement quotidien, éduquer le courage.

Enfin, il a été constaté, et cela nos agresseurs n'en ont pas tenu compte, que l'histoire militaire du Peuple Rwandais n'est jalonnée que de batailles victorieuses gagnées par nos ancêtres. Et dans l'histoire très récente, les victoires gagnées sur les NYENZI au cours des années 60 constituent pour elles-mêmes des exemples éloquents. C'est donc ce même sang de nos ancêtres qui ne peut pas nous autoriser à cumuler la guerre, la honte et la servitude tant que nous resterons toujours ce peuple rwandais conscient de l'impérieuse nécessité d'assurer en permanence la sauvegarde de notre chère Patrie, le RWANDA.

PUISSE CET ESPRIT DE DEFENSE CONTINUER A SE CULTIVER ENCORE DAVANTAGE ET SE PERPETUER DE GENERATION EN GENERATION POUR LE SALUT DE NOTRE PAYS !

**NZABANITA Innocent
Major BEMS**



Etablissements Rwandais

B.P. 109 KIGALI




GARAGE DEPARTEMENT VW - AUDI

REPRESENTANT OFFICIEL



RANGE ROVER



BANC D'ESSAI POUR POMPES D'INJECTION BOSCH



Tél. GARAGE : 5303
CENTRALE TOUS SERVICES :
74322 - 74324 - 76322



ABIFUZAGA GUTURA MURI PARIKI YACU KUVA KERA UBU TWAYIBATUJEMO KUVA TARIKIYA MBERE UKWA- KIRA 1990

Burya ngo utazi ubwenge ashima ubwe kandi ngo umuntu yifuza byinshi n'uduke akatubura ndetse ngo indyarya ihmwa n'indyamirizi. Nguko rero uko byagendekeye RWIGEMA na bene wabo ngo bari biyemeje gukotana bakaza gutegeka Igihugu cyacu nkaho Igihugu ari ubutaka gusa, nkaho u RWANDA rutagira abarutuye bafite ubwenge kandi bashoboye kwirwanaho.

Hari umuntu wavuze ati : RWIGEMA yibwiraga ko azaza mu RWANDA nkuko ba Sekuru barujemo bagasanga ishyamba ryaratemwe ndetse ryaranahinzwe, mbeso bakaza bigendera mu ntabire. Iyo ngeso rero yo gushaka gusarura aho utabibye ukoreshheje imbaraga cyangwa se uburyarya nk'ubwa Bakame ngo yaba ikiranga bamwe.

Twumve neza ibantu ariko : ibya kera sibyo by'ubu. Ibya mbere Igihugu niho cyari kigiturwa, ubutaka ari bugari cyane ku buryo abakigeze mo mbere batavuze ngo ni icyabo, baretse abaje nyuma baratura. Ni uko u RWANDA rwatuwe mu bihe bitatu habanje abatwa, hakurikiraho abahutu nyuma abatutsi. Ayo moko uko ari atatu amaze gutura yose, amaze kugira ubutegetsi bumwe, ingoma n'ingoma kugeza magingo aya, yagiye arwana ku busugire bw'Igihugu cyayo ku buryo uwaturukaga hanze wese akagitera yarwanywaga. Ndetse hari n'igihe abanyarwanda ubwabo bikoraga bakagerageza kwagura Igihugu cyacu bagaba ibitero hanze. Ubwo se niba ibyo byo kwirwanaho abanyarwanda barabikoraga icyo gihe, ubu nibwo twanze Igihugu cyacu kugeza aho umwanzi yacyogamo nk'uwoga mu mugezi uteomba?

Ab'urupfu rwashinyaguriraga rero bati gufata u RWANDA ni nko kugenda mu ntabire. Ibyo kandi mbivuge mbisubiremo ako gasuzuguro gaterwa na bamwe bakibwira ko ubwoko ubu n'ubu ngo buhora businziriye, ngo kubushuka biroroshye, ngo nta bwenge bugira, n'ibindi n'ibindi. Ako gasuzuguro turakanze.

Uti kagire inkuru ! Yego reka ngukomereze ; babandi urupfu rwabungagamo baraza ngo bazafata Igihugu mu minsi itarenze itanu. Übanza ngo barabaraga amasaha umugenzi yakoresha kuva i KAGITUMBA kugera i KIGALI yitemberera, asura inshuti, yashaka akanyura no muri Parike kwirebera ibisimba. Utazi iby'u RWANDA rero, ambwire mubarire ! NI IBANGA ni IBANGA ! Nicyo nzi nanje gusa.

Utazi uko abasirikare b'u RWANDA barwana, ararutera. Guhuragura ariko ibigambo utasubiramo, uknavuga ibantu utashobora gutangira abagabo, ibyo babyita kubeshya. Niyo mpamvu natanga abantu bambera abagabo kuri iriya nteruro nanditse ngo "utazi uko abasirikare b'u RWANDA barwana ararutera" :

— Abanyarwanda bose bo simbatangaho abagabo kuko wenda ntihabura uvuga ko bishyira aheza. Abagabo natanga rero nta bandi ni RWIGEMA na ba GAKOTANYI bose twahaye isambu mu MUTARA, KIVUYE na KIYOMBE no mu BIRUNGA.

— Abandi ba GAKOTANYI bakiri aho ntazi nabamenyesha ko niba bashaka kuza bazasanga hari aho abanyarwanda bashinze kwakira abantu nkabo. Abo bantu bazabarize abitwa INGABO Z'U RWANDA. Nkabamenyesha kandi ko atari ngombwa kuduteguza kuko buri gihe tuba twiteguye kuko dukunda akazi kacu, tugakunda no kwakira abantu nkabo. Ba GAKOTANYI nabo bashobora kuba baktwihi-shemo, turabamenyesha ko iminsi'yumujura ari yayindi gusa. Ariko nanone ba GAKOTANYI bakiri imbere mu gihugu, aho ibantu bigeze, nabagira inama. Nibivuge kuko amategeko yacu ateganya ko umunyacyaha nk'uwuo worohereje akazi ubucamanza, ashobora guhanwa ku buryo butaremereye.

"Sinzi uwahamagaye undi ngo zana bya bintu tubikoremo umureti ! Nanje nti : kurwanisha bya bintu ni ibanga ry'Umusoda w'i RWANDA".

Lieutenant HANYURWIMANA E.

ISANO RY'INYENZI N'INKOTANYI

Kuva ku itariki ya 1 Ukwakira 1990 u RWANDA ruterwa n'umwanzi uturutse muri UGANDA, uwo mwanzo wiyyita "INKOTANYI" yagiye yitwa n'"INYENZI". Mu RWANDA rero, bamwe uwo mwanzo bamwita "INKOTANYI", abandi bakamwita "INYENZI", ariko abanyarwanda bose bakumva ko ari umwanzi umwe uba uvugwa. INYENZI ni iki?, ni bantu ki? "INKOTANYI ni iki, ni bantu ki? Umunyarwanda udafite nibura imyaka 35 y'amavuko cyangwa utarabisobanuriwe ntashobora kumenya Inyenzi cyangwa Inkotanyi icyo aricyo.

Kugirango umuntu asobanukirwe neza INYENZI n'INKOTANYI ibyo aribyo, ni ugushakisha mu mateka y'u RWANDA.

AMAVU N'AMAVUKO Y'INYENZI

Kugeza muri 1959 u RWANDA rwategekwaga n'ingoma nyiginya y'abatutsi. Iyo ngoma ya cyami ikaba ariyo agatsiko k'abantu bakeya, ariko ikanyunuza imitsi ya rubanda nyamwinshi rugizwe cyane cyane n'abahutu.

M'Ugushyingo 1959, rubanda nyamwinshi rwarivumbagatanyije rwanga ingoma ya cyami ishingiye ku buhake, nibyo byiswe "Révolution ya rubanda yo muri 1959". Iyo revolisiyo yatumye havuka Repubulika ishingiye kuri "demokarasi", n'ukuvuga kuri "rubanda nyamwinshi".

Umwami w'icyo gihe, ariwe KIGELI V NDAHINDURWA, hamwe n'ibyegera bye n'abandi batoni b'ingoma ya cyami ntibishimiye Repubulika ishingiye kuri demokarasi. Nibwo bivanye mu Rwanda bajya mu mahanga, cyane mu bihugu bidukikije aribyo u BURUNDI, TANZANIYA, UGANDA na ZAYIRE.

Ariko muri ibyo bihugu, banze kwicara ngo bature, ahubwo bahereyeko bashakisha uburyo bwo kwitoza mu bya-gisirikare no kubona intwarz ngo batere u RWANDA, Repubulika ikivuka bayivaneho basubizeho ubutegetsi bw'agatsiko gato bushingiye ku buhake.

Uwo mugambi mubi wabo ntibatinze kuwushyira mubikorwa. Igitero cya mbere cyabaye ku itariki ya 21 Ukuboza 1961 hashize gusa amezi abiri n'igice habaye Kamarampaka yanze ingoma ya gihake n'Umwami KIGELI V NDAHINDURWA. Ndetse no kuwa 5 Nyakanga 1962, nyuma y'iminsi itatu gusa u Rwanda rusubiranye ubwigenge, umwanzi yagabye igitero.

Uwo mwanzo yiswe "INYENZI". Ibitero by'Inyenzi byabaye byinshi kuva muri 1961 kugeza mu mpera za 1967 ariko buri gihe zitsindwa. Zatereye hafi impande zose z'Ighigu: Mu Mutara, mu Butama muri KIBUNGO, mu Birunga, mu Bugesera, mu Bugarama, mu Bweyeye no muri Nshili. Aho hose zikubitwa inshuro, izicitse ku icumu zigasubira iyo zatrutse.

Kuki izo "Nyangarwanda 'ziswe "Inyenzi""? Bamwe mu babikurikiraniye hafi babisobanura bavuga ko izo Nyangarwanda zagereranywe na twa dukoko twitwa "Inyenzi" biturutse kuri ya mvugo ya Kinyarwanda y'ingenurano" kwita mu mata nk'isazi cyangwa nk'inyenzi". Igihugu cyacu cyari kimaze kwipakurura ubutegetsi bwa gikolonize na gihake, rubanda nyamwinshi rwishimye, ikizere mu mibereho myiza ari kinini ku buryo hari imvugo ngo "u Rwanda rurarese" (rurese amata n'ubuki). Icyo gihe umwanzi aza ari kidobya nk'inyenzi yituye mu mata. Izina "Inyenzi", rivuga uwo mwanzo w'u Rwanda rifata rityo.

